



# MICT

UMURYANGO W'ABIBUMBYE

Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite. MICT ifite Amashami abiri, rimwe riri Arusha muri Tanzania naho irindi rikaba i Lahe mu Buholandi.

## DISIKURU

PEREZIDA

(Iyi nyandiko igenewe gukoreshwa n'itangazamakuru gusa. Ntigenderwaho mu mirimo ya MICT)

Arusha, Lahe, 8 Ukuboza 2016

**Ijambo Umucamanza Theodor Meron, Perezida w'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga, yagejeje ku Nama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi 8 Ukuboza 2016**

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa namwe mwese muteraniye hano:

Ntewe ishema no kongera kugera imbere y'iyi Nama kandi ndifuzaga gushima igihugu cya Esipanye kuba muri uku kwezi ari cyo kiyoboye Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi. Ndanakomeza gushimira cyane Itsinda ry'akazi ry'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi ryashyizweho bitanyuze mu nzira zisanze kubera inkunga ritera MICT, nkanashimira igihugu cya Uruguay kubera ukuntu kiyoboye neza iryo tsinda. Hanyuma, ndashimira byimazeyo Umunyamabanga Mukuru Wungirije ushinze ibirebana n'amategeko akaba n'Umujyanama w'Umuryango w'Abibumbye mu by'amategeko, Bwana Miguel de Serpa Soares, Umufasha w'Umunyamabanga Mukuru mu by'amategeko, Bwana Stephen Mathias, na bagenzi babo mu Biro bishinzwe ibirebana n'amategeko kubera inkunga ikomeye bahora badutera.

\*\*\*

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Nta byumweru bibiri birashira dutashye inyubako nshya y'ibiro by'Ishami rya MICT Arusha. Nyakubahwa Madamu Samia Suluhu Hassan, Visi Perezida wa Repbulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya yayoboye uwo muhango ari kumwe na Bwana Serpa Soares wari uhagarariye Umunyamabanga Mukuru. Iyo nyubako nshya ntiyari kubaho iyo Guverinoma ya Tanzaniya itaza kutugirira Ubuntu budasanze.

Kuba kandi uyu mushinga warageze ku ntego tubikesha ahanini ubwitange bwa Gerefiye wa MICT, Bwana John Hocking n'ubw'abakozi be. Mboneyeho gushimira mbikuye ku mutima Bwana Hocking kubera akazi kadasanzwe yakoreye MICT guhera mu mwaka wa 2012 no guha ikaze Bwana Olufemi Elias uherutse kugirwa Gerefiya mushya wa MICT.

Inyubako nshya irimo ubushyinguranyandiko bwabugenewe, butuma inyandiko za TPIR n'iza MICT zishyingurwa ahantu hamwe, nk'uko byasabwe n'iyi Nama. Aha nagira ngo mbamenyeshe ko Guverinoma ya Repbulika y'u Rwanda iherutse kumenyesha, ibinyujije mu bayobozi bo mu rwego rwo hejuru, ko n'ubwo yemera ko ubushyinguranyandiko bugomba gucungwa n'Umuryango w'Abibumbye kandi ari umutungo wawo, nk'uko biteganywa na Sitati ya MICT, isanga nta gushidikanya ubushyinguranyandiko bwagombye kuba buri mu Rwanda. Inyubako zacu nshya ziri Arusha zubatse ku buryo bworoheje, ntizitangwaho umutungo mwinshi mu kuzibungabunga kandi zirangwa n'imikorere myiza ngenderwaho mu buryo bwinshi, nk'uko, mu by'ukuri, tugerageza kubikora muri MICT mu byo dukora byose. Ni ngombwa muri urwo rwego kwibutsa ko izo nyubako zuzuye zitwaye amafaranga ari muni y'ingengo y'imari yari yarateganyijwe. Koko kandi, twemera ko MICT itagomba kuba gusa intangarugero mu kuryoza ibyaha ababikoze no kurwanira ko ibihugu bigendera ku mategeko, ko ahubwo ari n'urugero rushya rw'ubutabera mpuzamahanga rugomba gukurikizwa, ni ukuvuga urugero rw'urwego rukoresha abakozi bake, rukora neza kandi nta gusesagura, rugomba kugera ku ntego yarwo niba ubutabera mpuzamahanga no kurandura umuco wo kudahana bigomba ubwabyo kugerwaho mu gihe kirambye.

\*\*\*

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Nk'uko nabisobanuye birambuye muri raporo yanjye yanditse, mu mezi atandatu ashize MICT yageze ku bintu byinshi mu nzego zitandukanye, kuva ku manza iburanisha kugeza ku ishyirwaho ry'amategeko yayo. Ubu imyanzuro irimo gushyikirizwa Urugereko rw'Ubujurire rwa MICT mu rubanza rwa Karadžić n'urwa Šešelj, mu gihe inama mbanzirizarubanza mu rubanza ruzasubirwamo rwa Stanišić na Simatović iteganyijwe mu gihembwe cya mbere cya 2017. Mu mategeko n'ibyemezo 214 byatanzwe n'Urukiko mu gihe kirebwa n'iyi raporo, hafi 40% byari byerekeye ibyifuzo bisaba kubasha kubona amakuru y'ibanga, ubwo akaba ari bumwe gusa mu buryo bwinshi MICT iteramo inkunga inkiko z'ibihugu. Uyu murimo wawe inkunga n'abakozi bakora ari bake cyane mu Ngereko. MICT yafashe kandi ingamba zizatuma mu mpera z'umwaka wa 2017 izaba yihagije rwose, ari nako kandi ikomeza gukora imirimo y'ingenzi nko kurinda umutekano w'abatangabuhamba bafite ibibazo byihariye.

MICT ishobora kwikorera ibintu byinshi ariko kandi ikeneye n'ubufatanye bw'abandi. MICT yashimiye byimazeyo inkunga ya TPIY n'iy'igihugu kiyicumbikiye. MICT ikomeza kandi kwisunga ubufatanye bw'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye ku byerekeranye no gufata abantu barezwe batarafatwa, irangizwa ry'ibihano no gushakira umuti ikibazo gikomeye cy'abantu bagizwe abere cyangwa barekuwe barangije igihano cyabo ubu babarizwa Arusha. Ndahamagarira ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye kudushyigikira mu byo dukora kugira ngo dukemure icyo kibazo.

\*\*\*

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Ni muri uru rwego numva ngomba, nka Perezida, kubagezaho ikibazo gikomeye cy'Umucamanza Aydin Sefa Akay ukomeje gufungwa. Iki ni ikibazo gifite ingaruka ku nshingano za MICT zo kurangiza manda yayo mu buryo bubonye kandi nari narakigejeje ku bihugu bigize iyi Nama.

Ubwigenge bw'abacamanza ni inkingi ya mwamba y'ubutegetsi bwubahiriza amategeko kandi kugenera abacamanza mpuzamahanga uburenganzira bwihariye n'ubudahangarwa mu rwego rwo kurinda ubwigenge bwabo mu mirimo bakora y'ubucamanza, ni umuco wahamye kandi udahinduka. Sitati ya MICT, yemejwe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi hashingiwe ku Mutwe wa VII w'Itegeko Shingiro ry'Umuryango w'Abibumbye, iba ikurikiza iryo hame iyo igenera

Abacamanza ba MICT ubudahangarwa mu rwego rwa diporomasi mu gihe bakora imirimo ya MICT. Kubera ayo mategeko, Umucamanza Akay yahawe ubudahangarwa mu rwego rwa diporomasi guhera igihe yashyiriwe mu rubanza rwa Ngirabatware ku itariki ya 25 Nyakanga 2016 kandi azakomeza kugira ubwo budahangarwa kugeza igihe urubanza ruzarangirira. Mbabajwe cyane n’uko, n’ubwo Umucamanza Akay afite ubudahangarwa mu rwego rwa diporomasi, akomeje gufungwa kandi adashobora gukora imirimo ye nk’Umucamanza muri urwo rubanza.

Abantu bamwe bashobora kwibwira ko, ku birebana na MICT, uburyo bwo gukemura iki kibazo bwaba ugusimbura Umucamanza Akay mu rugereko ruburanisha urubanza rwa Ngirabatware, bityo urubanza rugakomeza. Ndangira ngo byumvikane neza: ubwo buryo simbwemera na gato mu rwego rw’amategeko n’urw’ubutabera. Uko ibintu bimeze, sinibwira ko bishoboka guhuza kubahiriza byuzuye ihame ry’ubwigenge bw’abacamanza, ku ruhande rumwe, no ku rundi ruhande, gukura Umucamanza Akay mu rugereko yashyizwemo.

Ni yo mpamvu, mu cyubahiro cyanyu, mpamagariye abigize iyi Nama gukora ibishoboka byose kugira ngo iki kibazo kibonerwe umuti bidatinze kandi mu buryo bushimishije.

\*\*\*

Mu gusoza, nagira ngo nizeze Guverinoma ya Turukiya ko kugeza ikibazo cy’ifungwa ry’Umucamanza Akay imbere y’iyi Nama, nta kindi mbikoreye uretse kubahiriza inshingano zanjye nka Perezida wa MICT ari zo: kurengera urwo rwego n’amategeko arugenga. Mbabajwe no kuba bibaye ngombwa ko mbikora. Ndifuzza gushimangira ko nubaha bikomeye uburenganzira bw’ibihugu byose, birimo na Turukiya, bwo gukemura ibibazo byerekeye kubahirisha amategeko mu buryo bw’igihugu kigendera ku mategeko. Cyakora kandi, ibihugu byose bigomba kubahiriza inshingano zabyo zishingiye ku byemezo by’iyi Nama byafashwe hashingiwe ku Mutwe wa VII w’Itegeko Shingiro ry’Umuryango w’Abibumbye. Ni muri urwo rwego mpamagariye Guverinoma ya Turukiya, ifite umuco ukomeye wo kubahiriza amategeko umaze ibinyejana byinshi, kugaragaza ubumuntu ikarekura Umucamanza Akay kugira ngo ashobore gukora imirimo ye y’ubucamanza mu rubanza rwa Ngirabatware. Guverinoma ya Turukiya nibikora, ntizaba igaragaje gusa ko ishyigikiye Urukiko rwashyizweho hashingiwe ku Mutwe wa VII, ahubwo izaba inagize uruhare rukomeye mu gufasha MICT kurangiza manda ikomeye yahawe.

Murakoze.

\*\*\*\*